Washington State Department of Social & Health Services
Transforming lives

Uburenganzira n'Inshingano mu Bijyanye n'Inkunga yo Kugura Ibiribwa n'iy'Amafaranga

Your Cash and Food Assistance Rights and Responsibilities

IZINA RY'UMUKIRIYA (UMUKURU W'URUGO)
INOMERO IRANGA UMUKIRIYA

Inshingano zawe (Ugomba)

- **Kuduha amakuru dukeneye kugira ngo dufate icyemezo ku kwemererwa kwawe.**
- **Kuduha gihamya mu gihe tuyikeneye.** Dushobora kuyikubonera. Amakuru uha Minisiteri ashobora gusuzumwa n'abakozi ba Leta. Iryo suzuma rishobora kubamo kubaza abakozi ba minisiteri barimo n'abashinzwe gukurikirana iby'uburiganya.
- **Amakuru agejejwe kuri Minisiteri y'Imibereho n'Ubuzima (Department of Social and Health Services**) ashobora kugira inkurikizi ku bijyanye no kwemererwa guhabwa ubwishingizi bw'inndwara butangwa na Health Care Authority n'Ingingo z'Amategeko Zishyiraho Ubuvuzi Buhendutse (Health Benefit Exchange).
- **Kumenyekanisha impinduka zibaye** (urugero: aderese, amafaranga winjiza n'ibindi) nk'uko bisabwa muri WAC 388-418-0005. Ugomba kumenyekanisha izo mpinduka bitarenze itariki 10 z'ukwezi gukurikiraho.
- **Gukorana n'Ishami Rishinzwe Gufasha Abana (Division of Child Support (DCS)** mu gihe wemeye Inkunga y'Ingoboka Igenewe Imiryango Itishoboye (TANF). Ugomba gufasha DCS gushyiraho, kuvugurura, cyangwa gutanga inkunga ku mwana (bana) ukwanditseho, no gutanga gihamya y'isano mufitanye (bibaye ngombwa). Ushobora kwanga gukorana na DCS iyo ushobora kwerekana impamvu ifatika igaragaza ko gukorana na DCS byagutera ibibazo, bikabitera abana bawe cyangwa abakwanditseho biturutse ku mubyeyi utabarera.
- **Gushaka** no gushyira imbaraga mu kubona ubundi bushobozi bwo kwiyinjiriza bushoboka buturutse ahandi mu gihe wasabye cyangwa uhabwa inkunga.
- **Kuzuza raporo n'amasuzuma bisabwa.**
- **Gukurikiza ibisabwa mu bijyanye n'akazi** ku bahabwa inkunga y'amafaranga n'iyo kugura ibiribwa.
- **Kutubwira** niba wifuza ko hari undi muntu wakoresha inkunga ugenerwa yo kugura ibiribwa mu izina ryawe.
- **Gukorana n'agashami kacu k'amasuzuma.**
- **Gukoresha inkunga yo kugura ibiribwa** mu guhahira abagize urugo rwawe gusa.
- **Gukoresha inkunga y'amafaranga** ku bagize urugo rwawe gusa.
- **Ugomba kwerekana Inomero Ziranga Abaturage** (SSN) cyangwa ibyiciro by'abimukira (immigration status) by'abasabirwa inkunga. Iyo uhisemo kudatanga za SSN cyangwa ibyiciro by'abimukira by'abagize urugo badasabirwa inkunga, amafaranga yinjizwa n'abagize umuryango bose agomba kugenzurwa, bibaye ngombwa, mu rwego rwo kugena ubwemererwe.

Uburenganzira Bwawe (Tugomba)

- **Kwakira ubusabe** bugaragaza amazina, aderese, n'umukono byawe cyangwa umukono w'uguhagarariye wemewe.
- **Kugufasha kuzuza amafishi ya DSHS.**
- **Kwiga** ubusabe bwawe bw'inkunga yo kugura ibiribwa mu gihe cy'iminsi 7 mu gihe wujuje ibisabwa kugira ngo ubone iyo serivisi.
- **Kuguha inyandiko yemeza ko twakiriye** dosiye iyo uyisabye.
- Kukugezaho umwanzuro mu nyandiko, akenshi, mu minsi 30.
- **Ushobora kwanga kuvugana n'umukozi w'urwego rushinzwe gukumira uburiganya** (FRED) ushinzwe iperereza wo mu Biro byo Kurwanya Uburiganya (Office of Fraud and Accountability). Si itegeko kureka uwo mukozi ushinzwe iperereza ngo yinjire iwawe**.** Ushobora kumubwira akazagaruka ikindi gihe. Ibi kandi nta ngaruka bigira ku kwemererwa inkunga kwawe.
- **Ushobora kujuririra mu buyobozi** uramutse utemera icyemezo cyafashwe na Minisiteri kuri dosiye yawe. Ushobora kandi gusaba umugenzuzi cyangwa umuyobozi gusubiramo icyemezo cyangwa igikorwa utemeranya na cyo kandi ntibigire ingaruka ku burenganzira bwawe bwo kujurira mu buyobozi.
- **Tugomba kukumenyesha** iby'itegeko ry'igihe ntarengwa cy'amezi 60 giteganywa muri gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenewe Imiryango Itishoboye (TANF). Iki gihe ntarengwa ntigikurikizwa ku bijyanye n'Inkunga y'Impapuro Zihahirwaho (Basic Food) cyangwa iyo Kwita ku Bana.

Ibyo Ukwiye Kumenya ku Ikarita yawe ya EBT

- **Gukoresha Inkunga Nabi:** Inkunga yo kugura ibiribwa n'amafaranga icishwa ku ikarita ya EBT igaragariza DSHS ibyakozwe aho wagiye ufatira inkunga wemerewe. Minisiteri ikoresha ayo makuru mu gupererezа imikoreshereze mibi y'inkunga y'amafaranga cyangwa ku kuvunjisha inkunga yo kugura ibiribwa mu mafaranga cyangwa ibindi bintu by'agaciro (kumamisha).
- **Guhindura amakarita ya EBT:** Dushobora guca amafaranga yo guhindura amakarita ya EBT. Ikarita yawe ya EBT hamwe na Kode Ikuranda (PIN) ugomba kubibika ahantu hizewe.
- **Amakarita ya EBT Ariho Amafaranga Menshi:** Iyo umaze amezi menshi udafata inkunga wemerewe ukageza amafaranga menshi nyuma y'amezi runaka, dushobora kuguhamagara tukongera tukakwigaho cyangwa tukiga ku gukenera inkunga kwawe.

Ibyo Ukwiye Kumenya (Inkunga ya Basic Food)

- **Twohereza amakuru** yerekeye abantu basaba inkunga ya Basic Food tukayohererezа ibindi bigo bya Leta Zunze Ubumwe kugira ngo hagenzurwe niba ayo makuru ari yo. Iyo hagize ikigaragara ko atari cyo muri ayo makuru, abasaba bashobora kutemererwa inkunga ya Basic Food. Umuntu aramutse atanze amkuru azi ko atari yo ashobora gukurikiranwa mu rwego mpanabyaha. Ibihano bihabwa abica amategeko akurikizwa mu by'inkunga ya Basic Food birimo kuvanwa muri iyo porogaramu, gucibwa amande, cyangwa gufungwa.
- **Iyo ugurishije, ugerageje kugurisha, guha undi cyangwa kugurana inkunga yo kugura ibiribwa wemererwa** ikintu cy'agaciro runaka nk'amafaranga, ibiyobyabwenge, intwaro, cyangwa ikindi kintu kitari ibiribwa bigurwa ku mucuruzi wemewe (byitwa kumamisha), ushobora kuvanwa mu bemerewe iyo nkunga yo kugura ibiribwa mu gihe nibura cy'umwaka umwe kugera kuri burundu ku nshuro ya mbere. Uku kuvanwa ku rutonde kurakomeza n'iyo wava muri leta ya Washington ukimukira mu yindi ugasaba inkunga.
- **Iyo usabwe kujya muri gahunda y'imirimo mu rwego rw'ibisabwa abagenerwa inkunga ya Basic Food**, ukananirwa kubikurikiza, ku nshuro ya mbere ushobora kuvanwa ku rutonde mu gihe cy'ukwezi kugeza ukurikije ibisabwa; ku nshuro ya kabiri ukavanwa ku rutonde mu gihe cy'amezi atatu; ku nshuro ya gatatu n'izikurikira ukajya uvanwa ku rutonde mu gihe cy'amezi atandatu.
- **Ushobora kuvanwa ku rutonde rw'abegenerwa inkunga ya Basic Food** kubera kwica amategeko ya Gahunda ya Basic Food nk'uko bisobanuye mu bihano bigaragara kuri uru rupapuro.
- **Kumenyekanisha amafaranga urugo rusohora niba ushaka ko Minisiteri iyongera ku nkunga ya Basic Food.** Iyo udashoboye kwerekana gihamya y'ayo mafaranga asohoka, ubwo bivuze ko udashaka ko tugendera kuri ayo mafaranga asohoka mu gufata icyemezo niba ushobora kugenerwa inkunga ya Basic Food yisumbuye.

Ibyo Ukwiye Kumenya (Inkunga y'Amafaranga)

- **Gufata Inkunga y'Ingoboka Igenewe Imiryango Itishoboye (TANF)** ni ugutanga uburenganzira bw'umwana (abana) bwo kwitabwaho n'uwo mwashakanye ukabwegurira Ishami Rishinzwe Gufasha Abana (Division of Child Support), Ibi bibuze ko DCS ishobora kugumana inkunga yari ikugenewe ingana n'amafaranga wahawe. **Ugomba guhita umenyesha DCS mu maguru mashya niba warigeze wishyurwa amafaranga yo kwita ku mwana (bana)** mu gihe wahabwaga TANF.
- **Iyo guhabwa TANF bihagaze** ugomba guhita ubwita DCS impinduka iyo ari yo yose igira inkurikizi ku kwita ku mwana (bana), urugero: umwana yarimutse cyangwa nahinduye aderese.
- **Iyo uhabwa TANF**,**ushobora gusaba andi mafaranga** yo kugufasha kwishyura amafaranga y'inzu utuyemo mu gihe gito.

Hakurikijwe amategeko mbonezamubano ya Leta Zunze Ubumwe n'amategeko na politiki mbonezamubano bya Minisiteri y'Amerika Ishinzwe Ubuhinzi (USDA), ibigo biyishamikiyeho, ibiro byayo n'abakozi bayo, kimwe n'ibigo bigira uruhare muri porogaramu za USDA cyangwa ibizishyira mu bikorwa, babujijwe gukora ivangura rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igihugu cy'inkomoko, idini, igitsina, amahitamo y'igitsina umuntu yibonamo, amahitamo mu by'imibonano mpuzabitsina, ubumuga, imyaka, irangamimerere y'umuntu, kugira cyangwa kutagira umuryango/kugira cyangwa kutagira abana, kuba umuntu agenerwa inkunga, imyemerere mu bya politiki, cyangwa kwihimura ku kintu cya kera muri porogaramu cyangwa igikorwa bikorwa cyangwa biterwa inkunga na USDA (izo mpamvu zose ntizikurikizwa muri porogaramu zose). Amatariki ntarengwa yo gutanga ibibazo n'ibisubizo arahindagurika bitewe na porogaramu.

Abantu bafite ubumuga bakenera uburyo bw'itumanaho bwihariye mu rwego rwo guhanahana amakuru ya porogaramu (urugero: Braille [soma Buraye], kwandika ku mpapuro nini cyane, gasete z'amajwi, Ururimi rw'Amarenga rw'Amerika, n'ibindi) bakwiye guhamagara ikigo gishamikiye kuri USDA bireba kuri (202) 720-2600 (telefoni isanzwe n'iy'abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga izwi nka TTY) cyangwa bagahamagara USDA kuri (800) 877-8339 Ikindi kandi, amakuru yerekeye porogaramu ashobora gutangwa mu zindi ndimi zitari Icyongereza.

Kugira ngo utange ikirego ku ivangura, uzuza Ifishi ya USDA yo Gutanga Ikirego ku Ivangura, AD-3027, igaragara kuri http://www.ascr.usda.gov/complaint_filing_cust.html no ku biro byose bya USDA cyangwa wandikire USDA ibaruwa maze uyigaragazemo amakuru yose asabwa ku ifishi. Kugira ngo usabe kopi y'ifishi yo gutanga ikirego, hamagara kuri (866) 632-9992. Ugomba kugeza ifishi yujujwe cyangwa ibaruwa wanditse kuri USDA ukoresheje:

1. Iposita: U.S. Department of Agriculture
   Office of the Assistant Secretary for Civil Rights
   1400 Independence Ave, SW
   Washington, D.C. 20250-9410;
2. Fagisi: (202) 690-7442; cyangwa
3. Imeyili: program.intake@usda.gov

USDA itanga amahirwe angana kuri bose mu gutanga serivisi, akazi n'inguzanyo.

Mu gushyira umukono wanjye kuri iyi nyandiko, ndemeza ko nasobanuriwe uburenganzira n'inshingano mfite mu kugenerwa inkunga ya DSHS na porogaramu zayo. Nzi ko ndamutse nanze gushyira umukono kuri iyi nyandiko, bitagira inkurikizi bigira ku kwemererwa kwanjye ariko kandi mfite inshingano zo kubahiriza ibisabwa na porogaramu kandi nshobora gufatirwa ibihano na porogaramu cyangwa mu rwego mpanabyaha.

UMUKONO W'USABA	ITARIKI	UMUKONO W'UWO BAFATANYIJE GUSABA	ITARIKI

NOMERO IRANGA UMUKOZI WA DSHS MURI ACES ☐ Yanze gusinya.